**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

REPUBLIQUE DU RWANDA

Au nom du Peuple Rwandais

**URUKIKO RW'IBANZE RWA KICUKIRO**

## ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO RW' IBANZE RWA KICUKIRO.

Umwaka wa 2022 umunsi wa cyenda w' ukwezi kwa Nzeri;

Twebwe NYAKAYIRU Charles umucamanza mu Rukiko Rw'Ibanze rwa Kicukiro, dufashjwe n'umwanditsi warwo MANRAGUHA Viateur;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego Rw'ibanze rwa Kicukiro bwaregeye Urukiko Rw'ibanze rwa Kicukiro uwitwa **MANZI Nelson** mwene **MUGABO Michel** na **MUKAMUSONI Nome**, Utuye mu Mudugudu wa Kanserege ya III, Akagari ka kanserege, Umurenge wa Gikondo, Akarere ka Kicukiro, Umujyi wa Kigali, Ufite telefoni+250788589768 n'Indangamuntu No: 1198580023401060 , ukurikiranwe nk'uwihishe ubutabera, ukurikiranyweho icyaha cyo Kwihesha ikintu cy'undi hakoreshejwe uburiganya, gitenywa kandi kigahanishwa n'ingingo ya 174 y'itegeko N° 68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano nk'uko ryahinduwe kugeza ubu;

Tumaze kubona ko ikirego cy'Ubushinjacyaha gifite numero 02656/PPL KICU/2021/MRU/MR cyageze mu rukiko kikandikwa kuri RP 00847/2021/TB/KICU;

Tumaze kubona ko urubanza rwahawe itariki yo kuburanishwa yo ku wa 09/09/2022 saa mbiri za mu gitondo ariko **MANZI Nelson** uregwa ntiyitabe Urukiko kuko yarezwe nk'uwihishe ubutabera, urubanza rukimurirwa tariki ya 18/11/2022 saa mbiri za mugitondo kugira ngo ahamagazwe nku watorotse ubutabera;

URUKIKO RW'IBANZE RWA KICUKIRO

Dushingiye ku ngingo ya 160 n'iya 161 z'Itegeko nº 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha iteganya uko uwihishe cyangwa uwatorotse ubutabera ahamagazwa, no ku ngingo ya 162 iteganya uko acirwa urubanza iyo atitabye;

Dutegetse **MANZI Nelson** kwitaba Urukiko Rw'ibanze rwa Kicukiro kuwa ***18/11/2022 saa mbiri za mugitodo (8h00)***, kugira ngo aburane urubanza rwavuzwe haruguru aregwamo n'Ubushinjacyaha, natitaba hazemezwa ko yasuzuguye amategeko, acirirwe urubanza adahari;

Dutegetse ko iki cyemezo kimanikwa ahabigenewe ku Rukiko Rw'ibanze rwa Kicukiro no gutangazwa ku rubuga rw'urukiko rw'ikirenga.

Iki cyemezo gitangira gukurikizwa umunsi cyafashweho.

Bikorewe I Kicukiro ku munsi, Ukwezi n'Umwaka byavuzwe haruguru.

Se

**NYAKAYIRU Charles**
**Umucamanza**

Se

**MANIRAGUHA Viateur**
**Umwanditsi**